# 357: Ubwo nari nshinjirijwe cyane Na Satani

1.

Ubwo nari nshinjirijwe cyane Na Satani n'ibyaha byanjye, Haj' Umwami Yes' arakomanga, Ati : Kanguk'unkingurire !

Ref:

Ati: Kingura !Kingura ! Nkingurira, nkwinjiremo ! Umutima waw' uranezerwa,
Wemeye yuko nkwinjiramo.

2.

Yarandaritse mu birori bye, Ngo dusangir' ibyiz' afite; Maze, ndanyurwa,
ndamuhimbaza :Sinavug' ibyo yankoreye !

3.

Ku rugamba rwanjye na Satani, Yesu ni We ngab' inkingira. Kuba muri We
byarantinyuye,Ajy'ansubizamw imbaraga.

4.

Ni we Mwungeri mwiz' undagira, Nta cyo nkena, ndi kumwe na We. Nd' ino mw is'itek'
aranyobora:Nyuma, nzasugira mu nzu ye.

Visit us at indirimbo.com